

IJAMBO Paul KAGAME PREZIDA WA REPUBULIKA Y'U RWANDA YAVUGIYE I REBERO (BWISIGE) MU NTARA YA BYUMBA . TALIKI YA 31 WERURWE 2003. (hatashywe ibikorwa byo kwegereza abaturage ba Rebero amazi meza)

Nyakubahwa Ministri w'intebe,
Nyakubahwa Prezida w'Urukiko rukuru rw'ikirenga,
Ba Nyakubahwa ba Ministri, ba depite, banyacyubahiro bandi mwese muli hano, namwe baturage ba Rebero n'abandi bavuye ahandi muli iyi ntara ya Byumba, nagira ngo mbonereho umwanya kuli uyu munsu nongere mbasuhuze, mbaramutse kandi mbabwire ko nishimiye kuba ndi kumwe namwe uyu munsu.

Sindi busubire muli byinshi cyane bijyanye n'uyu munsu ngira ngo Ministri amaze kubisobanura birambuye, ubundi uyu munsu twawugize dukulikije inshingano yo kuba twalizihiye umunsu mukuru w'amazi, wizihizwa kw'isi hose italiki ya 20 aliko ntiyashoboka, tubigira uyu munsu italiki ya 31. Aliku cyane cyane icyangombwa ni ukumenya uburemere bujyanye n'amazi.

Amazi akomokaho byinshi bigira ubuzima bw'abantu, ndetse n'inyamaswa n'ibindi. Ayo mazi rero hali aho aho, hali abatayagira, hali aho aba ali menshi aliko adashobora gukoreshwa neza kubera uko ateye wenda atali meza, n'ibindi byinshi. Twe nk'u Rwanda, ikibazo dufite navuga, ni ukugira amazi ntituyakoreshe neza. Cyangwa se ntitube dufite ubushobozi bwo kuyakoresha neza ngo atugilire akamaro, akangilika gusa.

Icyo rero kigomba gushakirwa umuti. Twe ntabwo aho twabuze amazi, usibye kutayakoresha neza cyangwa se kutayalinda kugira ngo atabura. Ali ay'imvura, turayafite menshi aliko ntitumenya kuyakoresha neza. Ali aho, aho mu biyaga cyangwa mu migezi, nayo arahali, ikibazo kikaba kumenya kuyakoresha neza, cyangwa se kuyalinda ngo ejo atazakama. Icyo ni cyo kibazo twabwo nk'u Rwanda cyangwa se ibihugu duturanye dufite. Icyo rero kigomba hushakirwa umuti, wenda hali ibyo twavuye bishaka amikoro menshi bivunanye, aliko nayo yashakwa, ayo mikoro akaboneka, ni inshingano dufite rero yo kugira ngo dushake ayo mikoro. Ibindi bili mu bushobozi bwacu.

Aliku ubwo bushobozi dufite limwe na limwe ntitubukoresha neza, kubera imyumvire micye cyangwa se kubera uburangare no kutamenya ingaruka zizabivamo. Kuli uyu munsu rero birashaka ko ibyo byose tubyibuka tukabiha agaciro kabyo, kandi tukabifatira ingamba zihamye. Ibyo bikatwulindira amazi, aliko kandi ayo mazi akadu fasha no mu bikorwa by'amajambere ndetse no mu ntego nyinshi zimwe dufite zo kugira ngo turwanye ubukene. Iby'ayo mazi rero ndifuzako twabihagurukira dufatanije, inzego zose zigakorana, tukalinda ayo mazi tukayakoresha neza, nk'umutungo umwe mu mitungo y'ibanze dukwiye kuba twitondera kubera ingaruka igihe uwo mutungo wabuze.

Ariya mazi rero mwabonye, n'ubwo byatinze bwose, mwebwe abaturage ba Rebero, tulifuzza ko muzayafata neza, mukayakoresha neza, akabagilira akamaro. Ntituzagarucye hano mutubwira ko nta mazi mufite kubera ko wenda abantu barangaye ntibumve ko bizagira ingaruka nadafatwa neza.

Ibyo kubasezeranya ayo mazi akaba yarabonetse byo ngira ngo ni inshingano twali dufite, bikaba bishimishije ko icyo nshingano yujijwe. Ndetse byajyanye n'ibindi. Bambwiye iby'umunara wa telefoni nawo wahashinzwe, ni byiza. Nawo kandi ukwiye kulindwa neza, uwo munara kugira ngo ushobore kubagezaho byinshi bijyanye n'itumanaho, kandi iryo tumanaho naryo tukaba tulihanze amaso, tulitezeho byinshi mu buryo bw'amajyambere.

Ikindi cyagombaga kukorwa kitarakorwa aliko nibwira ko kizakulikiranwa kigakorwa vuba bidatinze, byali ugushyiraho umunara w'iradiyo, mu rweho rwa FM, kugira ngo iradiyo yumvikane neza hano ndetse irenge n'imipaka y'u Rwanda kuko byo ntabwo bigomba visa, n'abo hakurya y'umupaka bumva ikinyarwanda cyangwa se bashaka gukulikira amakuru y'u Rwanda nabo bashobore kubyumva. Ibyo ndumva bizakorwa vuba n'ubwo byatinze bwose.

Baturage ba Rebero rero kandi baturage ba Byumba, ibi byose tuvuga by'amajyambere, ali amazi, ali itumanaho, ali ibindi byinshi tu fite ingamba, twabigeraho kandi tuzakomeza kubigeraho, ali uko nyine hali umutekano. Kandi ibyo nagira ngo mbibashimire kubera umuco wanyu wo kumenya gutanga inkunga yanyu mu buryo bw'umutekano kandi mukaba munawufite ndetse n'intara yose ya Byumba ikaba ifite umutekano ndetse n'igihugu cyose. Ni byiza ko uwo muco muzawukomeza kuko bili mu nyungu zanyu ubwanyu, ndetse bili no mu nyungu z'igihugu cyose.

Ndashimira rero ko mwebwe abaturage, ali aba Rebero ali ab'intara ya Byumba, ko ikibazo cy'umutekano mucyumva ko ali ngombwa kandi mukabigiramo uruhare. Aho muza gilira imbaraga nkeya ku giti cyanyu nk'abaturage, muzunganirwa n'izindi nzego kugira ngo uwo mutekano ukomeze ubeho, bityo dushobore kugera kuli byinshi. Aliko ntumuzagire imbaraga nkeya.

Ibi byose tuvuga by'umutekano, ndetse n'ibikorwa by'amajyambere, ndetse ibyo byose bikubiye muri politiki, mu murongo tugenderaho, leta y'ubumwe n'abanyarwanda bose, ibi byose ni ibigomba gukomeza, kuko u Rwanda ruli mu nzira itoroshye aliko nziza kandi ijyana n'impinduka ilihombye igomba gukomeza.

Impinduka ya politike yatangiye mu Rwanda kuva cyane cyane muri 1994, aho aya marorerwa abereye, ndavugaga cyane cyane kuko ingamba z'impinduka zatangiye mbere yaho imyaka itari micye, bikagorana, biza kuvamo itsembabwoko n'itsembatsemba ndetse, aliko guhera icyo gihe gukomeza kugeza ubu, no gukomeza kugera imbere, icyo mpinduka ifite gahunda.

Iyo mpinduka, abanyarwanda bose, na Leta y'ubumwe, bayifiteho inshingano. Ni inshingano kandi idakuka, ni impinduka izakomeza itazasubira inyuma. Kabone n'abifuza kugira ngo bakomereke mbere y'uko babyumva, nabyo dufite inshingano yo kuzabibaha. Kugira ngo babyumve. Impinduka iriho yatangiye guhindura ubuzima na politiki by'abanyarwanda, bishingiye ku bumwe bw'abanyarwanda, bishingiye ku mutekano w'abanyarwanda, bishingiye ku guter'imbere kw'abanyarwanda, bishingiye kuli démocratie dushaka guha abanyarwanda, bishingiye kuli politiki y'u Rwanda kugira ngo rubane neza n'andi mahanga n'ibindi bihugu, iyo politiki ntabwo izahinduka. Ahubwo guhinduka itera imbere irushaho kuba neza, ntishobora guhinduka isubira inyuma. Kuko ntabwo ali ikintu cyaje ngo cyikore gusa, gikorwa n'abantu, kandi abantu bafite ingamba zo kubigeraho, byanze bikunze. N'abanyarwanda bacye batarabyumva, nibo navugaga mbere niyo baba bifuzaga ngo babanze babikomerekeremo kugira ngo babyumve.

Aliho cyane cyane bili mu bantu biyita abayobozi, ntabwo biba mu baturage. Abaturage mwe muli abantu beza rwose nta cyibazo mugira...

Bagenzi banjye nicaranye nabo hano b'abayobozi, niho usanga ikibazo. Ibyo bibazo kandi, inkomoko yabyo cyane cyane, ni inda nini, ni ukudahaga, ni ukutanyurwa. Ni uguhabwa uburenganzira bwawe, ugahabwa amahirwe, warangiza ukabihindura ubusa. Cyane cyane ali uko umuntu yireba kurusha uko areba inyungu z'abanyarwanda. Aliho kubera ko abanyarwanda bo muli rusange babyumva nta kibazo bafite, twewe abayobozi turoroshye kubona umuti. Kwishakamo umuti. Tuzawubona. Urahari ku ruhande runini, ni akabazo gato kaba gasigaye gusa.

Ibyo mujya mwumva rero, limwe na limwe, by'abagenda, by'abagaruka, by'abagira bate, ibyo nabyo bijyanye n'uburenganzira bw'abantu. Kugenda, kugaruka, aho nk'uko navuze, ya gahunda y'abanyarwanda turimo, inzira turimo yo kugenda dutera imbere, ntakizayihindura. Kwaba kugenda kwaba kugaruka. Niba arukuza bashaka kuyisubiza inyuma, bazakomereka. Niba ali cyo bifuzaga kugira ngo bumve ko abanyarwanda bababaye kumar'igihe kinini, ali ubukene, ali ubujiji, ari amacakubili, ko ibyo abanyarwanda batacyibiyifuzaga, bashakaga kugira ngo batere imbere.

Ibyo kubivugaga ntyo, ndabitekereza bihagije, ndashakisha ikintu cyabisubiza inyuma nkakibura. Ntabwo njya nkibona. N'abagerageza baba abo dukorana, baba ababa hanze n'ibibafasha, ntacyo bazahindura rwose icyo nagira ngo nkivugire aha kandi nabibabwiye kuva kera. Nababwiye ngo impunzi tuzazicyura zo muli Kongo, turazicyura. Nababwiye ngo tuzabaha umutekano turawubaha. Nababwiye ngo iyi nzira izakomeza, izakomeza. Sinzi impamvu abantu batajya bemera ukuli umuntu ababwirira.

Aliho impamvu batabyemera, ni uko bilimo n'ineza nyinshi. Bilimo kubabalira kwinshi. Ngira ngo abantu bageraho bakabisomamo,

bakabyumva nabi. Ntibabone ko ali inshingano yo guha abantu uburenganzira ngo babukoreshe neza, amahirwe ngo bayakoreshe neza, bo bakibwira ngo, abatuma bibaho, ngira ngo bakibeshya ko ali imbaraga nke bafite.

Icyo bikora gusa, ikibazo limwe na limwe, ni uko bigenda bigabanya izo mbabazi. Bigatuma hari ibyo abantu bagomba gukora bitali ngombwa. Aliko ku mutekano w'abanyarwanda, rwose, mbebwe bantu ba Rebero, bantu ba Byumba, mujye mukora akazi kanyu neza, nta kwishisha, muharanire umutekano wanyu, ntabwo umutekano wanyu uzahungabana na limwe, baba ababazamo cyangwa se abaturuka hanze cyangwa se baba abaturanyi. Ntibishoboka. Ubushobozi bwo kulinda umutekano w'abanyarwanda, cyane cyane bishingiye no ku banyarwanda, burahari. Ubushobozi burahari buhagije. Buranarenze. Burenze ubwo muzi. Aliko wenda ntabitinzeho, kubivuga gusa ntabwo bihagije, nizeye ko bitazaba ngombwa kubyerekana ko ubwo bushobozi buhari, icyo umuntu ahora yilinda gusa.

Aliko, mu bashaka kugenda nk'uko nabivuze, cyangwa mu bashaka kwinjira, n'abandi tuzi, turaza kubabwira, hari ababa bashaka kugenda bakibwira ko uba utabizi, aliko tuzajya tubibutsa ngo bagende. Hali abo nza kurekure bali bagifashwe n'akazi, ako kazi ndaza kubasaba kugasubiza abanyarwanda, noneho bashake inzira bigendere. Abo bose bamwe mujya mwumva bagenda, bagenda tubizi, tuka bihorera. Yajya kugenda akagenda yububaaaa, akagira ate, yibwira ngo alihisha kandi tuzi ngo aragenda.

Mu bagenda, hali abo twambura akazi kubera ko tuzi ko bashaka kugenda kugira ngo babone uko bagenda. Kugenda jye ntacyo bintwaye. N'abandi bakivunwe n'akazi ko gukorera abanyarwanda, bashaka kugenda, turaza kugashyira iruhande, bakomeze bagende.

Uzajya aturatira ko yejeje amasaka cyangwa ibigoli, tuzajya tumubwira ko dutunze ibiyasya n'ibisya ibyo bigoli. Dufite politiki izi gu sya ibigoli iyo byeze, ntibipfe ubusa.

Aliko ni uko gusa abanyarwanda ahali limwe na limwe ntibabona, bisa nk'ibya ya mbwa ngo iyo ijya gupfa, amazuru arabanza akaba ari yo aziba. Abanyarwanda ubanza..

Ibyiza abanyarwanda bamaze kugeraho, muli iyi myaka hafi icyenda tugiye kumara, limwe na limwe igitangaza, ni uko abanyarwanda ahali ali bo batabizi gusa. Abandi batubamo, batali abanyarwanda b'abanyamahanga cyangwa abo mu mahanga yo hanze, bavuga ko nta handi biba rwose. Ikintangaza ni abanyarwanda ubwabo, batabibona gusa.

Nagira ngo rero, ibyo ndabivugira ko, ku nshingano yo gukomeza gutera imbere, yo gukomeza kubaka igihugu, n'ibi bindi tugiye kujyamo, ngira ngo muzi iby'itegeko-nshinga, ubu biliho binozwa, bili hafi kurangira, bili mu nteko ubu biligwa, vuba aha bizajya muli referendumu mu kwezi kuza, kwa gatanu kurangira nk'uko byemejwe, nyuma y'aho hazaba amatora, amatora y'a Prezida wa Republika, amatora

y'abadepite, ibyo byose tulifuza, kandi turabasaba ko byazaba mw'ituze, mu mucyo, kandi turumva ali ko bizamera, ni haba hali abatabyifuza ko ali ko bizamera, tuzabemeza ko ali ko bigomba kumera. Ntabwo bizahinduka. Ko bizagenda neza, mu mucyo, neza. N'ikizavamo, jye nababwira ko kizwi. Muli ayo matora, hazavamo abazatorwa, jye navuga ijana kw'ijana ko mbizi, ko ali abazaba bakulikiza gahunda, politiki dufite yo kubaka iki gihugu. Niko bizamera. Kandi nzi ko namwe ali ko mubizi. Kandi nzi ali ko mubishaka, ibyo kugira ngo gahunda yo gukomeza umutekano, ubumwe bw'abanyarwanda, amajyambere y'abanyarwanda, demokarasi, abe ali byo tugeraho. Amacakubili, uzazana amacakubili, kuko bamwe bazaza ni byo bagenderaho n'ubwo babihisha, nta mwanya bazabona.

Kubera ko nababwiye ko iyo gahunda yo kubaka igihugu, ntabwo izahinduka. Ni uko icyo mba nifuza gusa ni uko bizaba ku neza. Ibyo byose tulifuza ko bizaba mu mucyo, mu mahoro, aliko icyo nzi ni uko, aho bizaganisha, ali ugukomeza kubaka igihugu. Abashaka kugisenya nta mwanya bazabona.

Ibyiza abanyarwanda bamaze kugeraho, muli iyi myaka hafi icyenda tugiyeye kumara, limwe na limwe igitangaza, ni uko abanyarwanda ahali ali bo batabizi gusa. Abandi batubamo, batali abanyarwanda b'abanyamahanga cyangwa abo mu mahanga yo hanze, bavuga ko nta handi biba rwose. Ikintangaza ni abanyarwanda ubwabo, batabibona gusa. Aliko ndizera ko igituma babikora bigakunda, abanyarwanda, ubwo ni uko n'amaherezo bazabibona, bakabona ko ibyo bakora ali byiza, bakanabyumva nabyo bikabageza ku cyifuzo bifuzwa. Cyo kugira ngo dutere imbere, kugira ngo tugire ubumwe, kugira ngo u Rwanda rwongere rube igihugu kitagayitse. Kuko ntabwo ubundi, mu mateka maremare y'u Rwanda, ntabwo u Rwanda rwigeze rugayika. Sinzi impamvu abantu bamwe bashaka kurugayisha. Ntabwo u Rwanda, mu mateka tuzi na mbere tutarabaho aliko dusoma, ntabwo u Rwanda rwigeze rugayika. Rwakoraga ibintu byiza, bituma abantu bemera ko ali igihugu gifite abantu bacyo batagayitse.

Ibindi rero nabasaba, mwese muli hano, ni ukugira ngo dukomeze gahunda dufite, zubaka, ni ukugira ngo dushyigikire iyi gahunda y'u Rwanda mwaka tulimo nababwiye, yo gukomeza inzira ya demokarasi, ni ukugira ngo dukomeze inzira yo kurwanya ubukene, ni ukugira ngo dukomeze gushyigikira kurwanya indwara z'ibyorezo nka Sida duhora dukangulira abanyarwanda, kugira ngo bagire ubuzima bwiza, icyo cyoreza cye kulimbura abanyarwanda kandi hali uburyo bwo kucyilinda ndetse no kucyifatamo neza ku banduye, ibyo nabyo igihugu cyacu cyirabihagurukira kizi ngo bifite ingaruka ku banyarwanda, ku gihugu cyacu, twifuza ko abanyarwanda bagira ubuzima bwiza budahungabana, n'ubwo halimo no kwita no ku bindi byorezo bijyanye n'icyo maze kuvuga.

Nagira ngo kandi mbasabe mukomeze gushyigikira iyo gahunda ndende yo guteza igihugu cyacu imbere dufite muli rusange, no gukomeza gufatanya hagati yanyu mwese, bityo nkaba mbifulije ibihe biza byiza,

kandi nkaba nizerako icya duhulije aha uyu muni kiyanye n'amazi,
nacyo tugiha uburemere bwacyo kugira ngo bidufashe kurinda amazi,
umutungo udakunze kuboneka ahandi; ahandi ntibanayagira twe dufite
ikibazo cyo kuyalinda no kuyakoresha neza, aliko abandi bo, hali
ibindi bihugu binakize ndetse aliko bitagira amazi. Twe turayafite.
Ni umutungo rero dukwiye gukomeza kulinda.

Nkaba mbifulije ubuzima bwiza n'amahoro y'Imana. Murakoze.

<http://groups.yahoo.com/group/rwanda-1/message/54440>